Juli / Nyakanga 2019 *Kinyarwanda*

Nimujye mu isi yose mwamamaze inkuru nziza! (Mk 16,15)

Kontakt: *Meinolf Wacker*
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: *+49-172-5638432*
Mail: *meinolf.wacker@go4peace.eu*
Homepage *www.go4peace.eu*

Ba impano!
Be a gift!

Nshuti bakunzi b‘ijambo!

Ubwa mbere nahuriye na we mu rusengero (Sinagoge) rwa Oswiecim / Auschwitz. Uyu mwana w’umukobwa w’umudagekazi yari umukorerabushake mu gihe cy’umwaka aho hantu umuntu yagereranya no mu gisebe cy‘uburayi. Yifashishe amashusho n’ibindi bintu bitandandukanye, yariho atekerereza itsinda ry’abanyeshuri ryari riturutse mu Budage ibijyanye n’ubuzima abayahudi banyuzemo muri Oswiecim. Ubwo yari ageze ku nkuru y’ubucuti bw’umukobwa wakomokaga muri uwo mugi hamwe n’undi mukobwa w’umuyahudi, mu myaka ya 1940, mu gihe abayahudi batotezwaga. amarira yatangiye kunzenga mu maso. Umutima we wagurumanagamo urukundo yari afitiye ikiremwa-muntu n’igishyika yari afitiye ubuzima bwa buri umwe wese.

Muri uwo mwaka nyine twahuriyemo, ni nabwo yitabiriye ingando y’amahoro (go4peace-Camp). Mu gihe yari umunyeshuri yigeze kumara umwaka i Parisi ahigira ururimi rw’igifaransa. Igihe yabaga muri Polonye nk’umukorerabushake naho yahigiye urunyapolonye, dore ko n’igisekuru cye cya kera ari ho gituruka. Nyuma naje kumenya ko yigeze kwitabira amahugurwa yari ahuriyemo urubyiruko ruvuga igifaransa, ikidage n‘ikinyapolonye. Yari umunyaburayi wuzuye.

Iteka nabonaga mu maso ye habengerana ibyishimo bidasanzwe. Mu mutima we hagurumanaga urukundo yari afitiye buri wese cyane cyane uciye bugufi. Mu bwitonzi bwinshi yaranyegereye afungura amarembo. „Bwari bwije, saa tanu z’ijoro, nari mpagaze aho bategera gare ya moshe, hari hijimye. Umukobwa aranyegera. Mbera na mbere sinari nzi niba nkwiye kuguma aho cyangwa kugenda nkahava. Ariko aramvugisha. Ambwira ukuntu agasakoshi ke abikamo amafaranga bakibye n’ukuntu abantu bamwe bari aho bashatse kumusagarira. Muri njye hazamukamo intego y’umunsi yagiraga iti: *Hindura umwijima mo urukundo!* Iyi ntego yankoreye mo imbuza amahwemo. Sinari nzi niba uwo mukobwa yaravugishaga ukuri cyangwa yarabeshyaga. Gusa nabonye ko: Muri ako kanya atashakaga kuguma wenyine. Ni uko ngumana na we, tuganira ho gake ni uko muha amafaranga yo gutega Gari ya moshi yari ukurikiye ho. Ubwo twasezeranagaho ambazanya ugushima kwinshi uko nitwa. Igihe gari ya moshi yari ije ndiho nurira ngo ngende numva avuze izina ryanjye; „Tereza!“ ni uko yongeraho abikuye ku mutima, ati „urakoze!“

„Nimujye mu isi yose mwamamaze inkuru nziza!“ – Ubuzima bwa Tereza buravuga – kenshi bidasabye amagambo. Ni impano kuri buri wese uhuye na we. **Ba impano! – Be a gift!**

Ku bw‘itsinda OnWord Meinolf Wacker